KUNENGA

Iyo uteze amatwi abakunenga uzabarirwa hamwe mu bagabo bakomeye, Ariko mu gihe wanze kunengwa uziyononera amahirwe y' inyungu zawe.

IHAME RY' ICYUMWERU

"Ndabyanga ! " nicyo gisubizo tumenyerewe kw' isi gisubiza kunenga. Bisobanura gusesengura cyangwa guca urubanza. Nubwo byumvikana nkaho bidasanzwe, nyamara byadufasha ku murimo dukora ndetse no mu buzima bwacu bwite iyo twemeye kunengwa. Dore ko twese dushaka gukura kandi tukagira ubuzima bwiza, bityo tugomba kwemera abatunenga.

Abantu bamwe bibwira yuko unenga wese aba agamije ikibi, guca intenge cyangwa gusebya. uwauvuga rero ngo kunenga biba bigamije gusenya gusa byaba kimwe nk' uwavuga ko ntagishobora gukosorwa; ibi byaba ari ukutareba kure. Ntawukunda kunengwa, ariko dushobora kuhakura isomo. Kuko ibyavuzwe bishobora kuba ari ukuri, bityo rero tugomba kwemera kubitega amatwi.

Kunenga ubusanzwe bifatwa nko gushakisha amakosa ukoresha imyumvire mibi. Akenshi ntibamutega amatwi kubera imvugo yakoresheje, nyamara kandi tugomba gushimira abatunenze, byibuze batinyutse kutubwira icyo batekereza. Abandi bashobora kutubonaho inenge ariko ntibagire ubwira bwo kuba baduhangara maze bavuge, bityo bikadindinza gukura kwacu. Mu gihe twemeye kunengwa bidusigira isomo. Ibyo bakunenze bishobora ibinyoma kimwe nkuko kandi byaba ukuri! Agaciro kaboneka mu gutega amatwi, ariko ntukabihuze cyane n' umuntu wabikubwiye. Ni ukuri ko abantu bose banega si shyashya harimo nabakunda guharabika abandi nta mpamvu, bityo rero tugomba gutega amatwi maze tukabyumvana ubushishozi bwinshi. Gishobora kuba ari ikintu twakwifuza kumenya nyamara inshuti zacu ntizitumenyeshe.

Mu gihe batunenze tugomba gushaka ukuri nyakuri gukubiye mu byavuzwe.Kunenga rero ntibyakagombye kuduca intege mu gihe twiyemeje kumenya ukuri kandi twifuza gukosora imyifatire yacu maze tukaba abantu bazima.Tugomba gusobanukirwa ko kunenga bishobora kuba kutubera igikoresho gikomeye. Abakunenga bashobora kuguhuriraho bitewe nuko hari inshingano tutatunganije, ni byiza rero ko twitondera ibyo batuvuzeho maze tukabyakira nk' amakuru yadufasha guhinduka ndetse no kuzamuka.

INYUNGU

1. Turushaho guca akenge. Duhora dutora isomo mu byo batunenze byaba ukuri cyangwa ibinyoma.

2. Nk' umuntu ku giti cye arakura ndetse na kamere tukayinoza. Iyo umuntu dukunda atubwiye ukuri turabyakira n' umutima wose, ariko mu gihe utunenze yaturakaje, akadushotora, cyangwa akatubangamira, duhita vuba twihagararaho cyangwa se tukisobanura. muri ibyo bice byombi hari amahirwe yo kunoza.

3. Tugira igihagararo kizima.Iyo duhaye agaciro ukuri kurenza umuntu wakuvuze, dushobora kandi gusuzuma/ kugera ibyo batunenze ko byaba bifite ishingiro.

4. Gutega amatwi bidutoza gushishoza ndeste no gusuzuma amakuru yose yatugezeho. Iyo dufite imyumvire ifungutse biduha umwanya wo guha agaciro abatunenga, tukamenya neza ko hari amahirwe yo guhindura imikorere yacu maze tukanoza umubano mu bandi.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Itegereze neza ibyo bakunenga, ese haba hari indanga gaciro cyangwa ihame wishe? Kunenga bishobora kuba ikimenyetso cyo kwihanangiriza cyiteguye kigufasha kugera ku mpinduka nziza mu gihe nyacyo.

2. Akira ibyo bakunenze maze ubisesengure.

Inzira ni mikorere yo KUNENGA

Ikigamijwe ni ukureba ko hashobora kuba hari ibyakugirira akamaro. Akenshi abantu benshi ntibakunze kwemera kunengwa kubera ubwibone.

3. Mu gihe unenga umuntu ujye ubikora bucece. Nta muntu numwe ukunda kwibasirwa cyangwa guharabikwa.
4. Uiye ufata iya mbere buri gihe, maze uhe agaciro ibyo umuntu yakoze mbere yuko umubwira ibyo agomba gukosora/ guhindura.
5. Mwereke inyungu zimutegereje naramuka akoze ya mpinduka ikenewe.
6. Irengagize uburyo yabikozemo maze wibande ku kitagenda neza. Nyuma yo kuvuga ikigomba guhinduka noneho ushobora kuvuga ko utazi icyamuteye gukora amafuti. Iyo bigenze gutya bitanga urubuga rwo kubiganiraho kandi bikavanaho urwikyekwe.

Buri wese ufite umutima ufungutse, kandi ufite ubushake bwo kwiga no kuzamuka asabwa gutega amatwi abamunenga kandi agasaba abantu kumusesengura. Byorohera abandi kuturebera aho tutabona mu gihe tubibasabye bityo bakaduha ibisubizo bizadufasha kuvugurura imyumvire yacu.

Umuntu mukuru ntajya arakara ngo kuko bamunenze. Ariko kandi ntibivuze ko aba yemeye ibyo bamunenze byose, ahubwo ntibarakara kuko baba bifuzakumenyano no gusobanukirwa ukuri. Naho abarakazwa nuko babanenze badohoka mu bikorwa byabo aho kugira ngo bazamuke vuba.

Bityo rero ujye wishimira abakunenga. Ahubwo bisaba gushira amanga kugira ngo umuntu avuge icyo adutekerezaho. Inshuti nziza ikubwira icyo igutekerezaho kandi tuyiha agaciro mu buzima bwacu. Kabone niyo batigeze batubwira uko ibintu bigomba gukorwa maze tukabikora nabi, iyo dusubije amaso inyuma tubona neza ko ibyo bavuze bifite ishingiro, bityo natwe tukabyakira

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese witwara ute, iyo bakunenze?
2. Ese ni iki kikubabaza cyane, icyo bakunenzeho cyangwa umuntu wakunenze?
3. Ese waba uzi kunenga?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			